

# Imigi 10 ya yambere mw’Ikoranabuhanga kuri uy’umubumbe dutuye mwuyu mwaka wa 2019.

## Urutonde rw’imige 10 ifite ikoranabuhanga rwo kurwego rwo hejuru mwisi mu mwaka wa 2019.

Mubuzima bwa muntu yifuza kuba heza gusa nubwo atariko twese duhirwa kimwe, kuko bamwe barabibona abandi bakabibura. Abandi bakisanga mubyaro abandi bakisanga mumigi ikomeye. Umwe akisanga kwisi yabyawe n’umutunzi undi akisanga mugikombe cy’ubukene, gusa mubuzima ibi byose tubijyeraho hari uwabiharaniye. Ntawuhitamo kuvukira mu muryango ikize cyangwa ucyennye. Ibi ninako bimeze mubuzima bwa none mw’isi y’ikoranabuhanga nkakimwe mubirangamiwe nabenshi dore ko ari nacyo kiyiyoboye isi ya none. Gusa twese tugize intego yo gusiga isi imeze neza kuruta uko twayisanze byatugeza imbere umuntu akabasha kujyera kunsozi se neza.




Nta gihugu nakimwe cyagize iterambere mubikorwa remezo ntabanyabwenge gifite bafata umwanya wabo ngobige babe inzobere bityo bibafashe kugira udushya twinshi ndetse n'ibigo biha akazi abantu benshi. Twifashishije ikinyamakuru cya businessinsider.com ku nkuru yacyo yo kuwa 02 mata 2019 Inyarwanda.com igiye kubajyeza imigi yambere kwisi ifite ikoranabuhanga(technology) rihambaye kurusha iyindi kw'isi hose. Iy'imigi utuwe n'inyeri zitandukanye zabantu. **Urutonde rw'imige ifite ikoranabuhanga rirenze iry'indi mwisi mu mwaka wa 2019**

**10. Sydney,** Australia



Ibigo bikorera muri uno mugi biwufasha mubikorwa bya burimunsi mubijyanye n'iterambere ry'ikoranabuhanga harimo **Canva, Atlassian, Zip Money na Nuix.**

**9. Paris,** France



Paris numurwa mukuru wigihugu cy'ubufaransa.I paris ni mwisi yibikoresho bijyezweho bijyanye nigihe. Ibigo bikorera muri uyumurwa ni **Orange Communications, Deezer, Thales Group na DailyMotio**

**8. Toronto,** Canada




I Toronto haba ibigo bikomeye aribyo **Wealthsimple, InterAxon, Wattpad na The Stars Group**

**7. Boston,** Massachusetts



Uyu mugi urakomeye kuko niwo ufite ishuri rikuru rya MIT(Massachusetts institute of technology) ryambere mw'isi mubijyanye n'ikoranabuhanga, irishuri riri muyambere asohora inzobere nyinshi mw'isi cyane cyane mw'ikoranabuhanga. Rikaba iryambere rikanikurikira muguhanga udushya dutandukanye.

Ibigo bikomeye bikorera muri uyu mugi ni **General Electric, HubSpot, Bain Capital, na Boston Dynamics**

**6. Singapore,** Singapore



Uyu mugi uherere muri Singapore
Ibigo bikomeye bikorera muri uyu mugi hari **DBS Bank, Singtel, CapitaLand Limited na Flex**

**5. Los Angeles, California**



Kwisoko y'ibikorwa byinshi byikoranabuhanga ndetse hakaba ibirori bidashira ndetse nudushya tutagira ingano. Ibigo bya havukiye birangije bihatera iminsi murwego rwo guteza imbere uyu mugi twavuga nka **Snap Inc., SpaceX, Riot Games na Hulu**

**4. New York,** New York




Uyu mugi urakomeye uri mumigi ikomeye kw'isi doreko hafi yaburi muntu wese utuye kuri uyu mubumbe yifuza kuhatembere cyangwa kuba yahatura. ukaba ufite ibigo bifite ubushongore nubukaka mwisi yikoranabuhanga twavuga nka **WeWork, Verizon, IBM Watson na Citigroup**

**3. Silicon Valley (San Francisco-San Jose),** California;





Uyu mugi numwe mu mimigi iyo uvuze amazina yawo, 90% yabo muhagaranye bahita bumva isoko ndetse indiri y’ikoranabuhanga rinoze. Silicon valley ntitwatinda kuvugako ari ikirome cyangwa ububiko bwa makuru hafi yisi yose. Uyu mugiye ucumbikiye ibigo kabuhari mw’ikoranabuhanga twavuga nka **Apple, Google (Alphabet), Facebook, HP, Intel, Netflix, Tesla** n’ibindi

**2. London,** United Kingdom:



Uyu mugi nawe uri muyifuzwa gutemberwa nabenshi mwi’isi. ufite ibigo bikomeye mw’isi twavuga **Barclays, TransferWise, BP, ASOS.com, Monzo**

**1.Tokyo,** Japan




Nibavuga Tokyo umva ubwami bw'ikoranabuhanga, ikirenzeho nuku izina ry'uyumurwa ryanditse mukirere uhita ubibona ukiwinjiramo nabyo biri mubishimangira ikoranabuhanga rihambaye uyu mugi ufite mu rwego rwo kwitandukanya nindi yose yo mwisi niwo wonyine ufite irikoranabuhanga. Ibigo byashinze ibirindiro muri iri sansure ry'ikoranabuhanga rihanitse harimo **softBank, Hitachi, Toshiba, Sony Corporation na Mitsubishi**